UMUNSI MUKURU WA PENTEKOSITI

MISA Y'IGITARAMO CYO KU MUGOROBA
Intg 11, 1-9 ; Yh 7, 37-39

Twaje kwizihiza umugoroba ubanziriza Pentekosti. Pentekosti ni umwe mu minsi mikuru y'abayahudi wanabaye umunsi mukuru ku bakirisitu. Izina ryawo ry'ikigereki ni : *pentecostè* bisobanura umunsi wa mirongo itanu wahimbazwaga ku munsi wa mirongo itanu nyuma ya Pasika. Uyu munsi wabaga ari uwo gushimira Imana ibyiza byose yabakoreye, dore ko icyo gihe abayisraheli babaga banejeje imyaka bagatura n'amaturo kubyo bejeje. Byageze aho uba umunsi wo kwibuka ihabwa ry'amategeko y'Imana ku musozi wa Sinayi biba kwibuka igihe kiri hagati ya Pasika y'abayahudi bambuka inyanja itukura no guhabwa amategeko.

Ku bakirisitu, igihe cya pentekoste, iminsi iri hagati ya Pasika no kuza kwa Roho Mutagatifu mu Ntumwa ukaba umunsi wo kuvuka kwa Kiliziya. Nibwo Yezu Kristu wazutse yari yohereje umuhoza ugomba kubasobanurira ibyo yababwiye byose. Ku bakristu ni ibirori byo kwakira Itegeko ry'Imana ritari rya rindi ryanditse ku bimanyu by'amabuye ahubwo rikaba iryanditse ku mutima tubikesha Batisimu twahawe kubw' amazi na Roho Mutagatifu bityo hakuzuzwa ubuhanuzi bwa Yeremiya : 31, 31-33 « *Igihe kiregereje-uwo ni Uhoraho ubivuze-maze nzagirane isezerano rishya n'umuryango wa Israheli n'uwa Yuda. Rizaba ritandukanye n'iryo nagiranye n'abasekuruza babo, igihe nabafataga ukuboko nkabakura mu gihugu cya Misiri. Bo bishe isezerano ryanjye-uwo ni Uhoraho ubivuze-ariko njye nakomeje kubabera umutegetsi. Dore iryo sezerano nzagirana n'umuryango wa Israheli nyuma y'iyo minsi-uwo ni Uhoraho ubivuze-amategeko yanjye nzayabacengezamo, nyabandike mu mutima, bityo mbabere Imana na bo bambere umuryango*». Ku bakristu ba mbere, icyo gihe cyose cyashize Yezu amaze kuzuka amara igihe ku isi yiyereka abe kugeza asubiye mu Ijuru, abigishwa bategereza Roho Mutagatifu maze aramubohererereza.

Uko kohererezwa Roho Mutagatifu ku bigishwa, si igikorwa cyarangiye ahubwo gihora gikorwa buri gihe. Yezu Kristu wicaye iburyo bw'Imana ahora yuzuza uwo mugambi we wo kuduha Roho Mutagatifu. Nk'uko tubivuga mu ndangakwemera : Roho Mutagatifu ni Imana, ni we utanga ubuzima aturuka kuri Data no kuri Mwana, arasengwa agasingizwa hamwe n'Imana Data na Mwana, ni we wabwirije abahanuzi ibyo bavuze.

Aratwigisha : Aduha kumenya gukora igikwiye. Akatwereka inzira iboneye mu mibereho yacu. Atwereka inzira, akatwigisha gukurikira Yezu.

Aratwibutsa : Atwibutsa ibyo Yezu yavuze. Akaduha kumva amagambo ya Nyagasani.Umukristu agomba guhora yibuka, iyo bitabaye ibyo agendera ku bintu bya nonaha gusa, ntabyaze umusaruro amateka ye, ntayabonemo nk'igitabo gikubiyemo ugucungurwa kwe. Iyo dusomye neza amateka yacu, dushobora kuvanamo inyigisho, ibyagiye biranga ibihe bitandukanye by'ubuzima bwacu, bikadufasha tumurikiwe n'Ivanjili.

Atuma dusabana n'Imana : Cyane cyane mu isengesho. Isengesho ni impano ikomeye kuko tuganira n'Imana muri Roho Mutagatifu kuko atuvugiramo agatuma tubasha kuganira n'Imana. Ni we ushobora gutuma abantu tubana mu mahoro tukibona ko turi bashiki na basaza b'abandi ibibazo n'ibyishimo bya bamwe bigahinduka iby'abandi.

Umunsi wa pentekositi, ubwo abigishwa bari bamaze kwakira Roho Mutagatifu, kiliziya yari ibatijwe, iravuka, irasohoka ijya kwamamaza hose Inkuru Nziza. Turasaba ingabire ndwi za Roho Mutagatifu: **ubwenge, Ubumenyi, ubudacogora, ubuhanga, ubujyanama, ubusabane ku Mana n'iy'icyubahiro cya Nyagasani**. Imigambi yabo yose yagenze neza, ntakwicamo ibice kuko bari bayobowe na Roho Mutagatifu. Mu ngorane n'ibitotezo barihanganaga kubera ko Roho wa Nyagasani yari abatuyemo.

Mu isomo rya mbere, twumvise abantu batari bayobowe na Roho Mutagatifu, bakora imirimo ishingiye ku migambi n'ibitekerezo by'abana b'abantu. Mbere y'uko bajya inama za kimuntu, ku isi yose hari ururimi rumwe. Mu ngo zacu iyo twubakiye k'ukubaha Imana no kuyoborwa na Roho wayo, tugira ururimi rumwe, dukora byose twabanje kubyumvikanaho. Bagiye inama nziza yo kubaka ariko byose babikoranye ubwirasi n'intego yabo idatunganye. Bashakaga kubaka umunara ugera ku ijuru maze izina ryabo rikaba ikirangirire.

Nyamara imigambi yacu iyo itarimo Imana ntacyo igeraho, Imana irabireba ikabyihorera ; iyo ibiretse nibwo icyari ururimi rumwe gihindukamo nyinshi, ntimube mugisobanura kimwe igikorwa mwari muhuriyeho byose bikaba ubusa. Nyamara za ndimi zari zasobanye roho Mutagatifu yaraje maze buri wese akabumva bavuga mu rurimi rwabo kavukire. Aho yageze ibintu birasobanuka. Uwo yagezemo amurikira abandi ibyo akoze byose bikababera itara.

Dushobora kwibaza tuti ese ko dushaka kugera kuri ibyo byiza ariko isi ikanga ikatuzitira ? Pawulo aradusaba kwizera kugira ngo Roho Mutagatifu ajye atabara

imbaraga nke zacu kuko twe tumeze nk'impumyi tutanazi icyo twasaba Roho ubwe adutakambira mu minihiro irenze imivugirwe. Nibyo Yezu atubwira mu Ivanjili, iyo ni inyota dufite ariko we ati : ufite inyota nansange anywe. Unyemera, imigezi y'amazi atanga ubugingo izamuvubukamo.

MISA YO KU MUNSI WA PENTEKOSITI

Intu 2, 1-11; Rom 8, 8-17; Jn 14, 15-16.23b-26

Inkuru yo mu gitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa, iratubwira uko byagenze ku munsi wa Pentekositi ; umuriri umeze nk'inkubi y'umuyaga wavuye mu Ijuru maze wuzura mu nzu bari barimo, ni ikimenyetso cy'a Roho Mutagatifu wari uje kubatera imbaraga, na n'ubu ahora atugenderera ngo adukomeze mu buzima turimo, ahumurize abababaye, akomeze intege nke z'abadandabirana, ahuze abafitanye amakimbirane kandi amurikire abagendera mu mwijima.

Ikindi kimenyetso twumvise mu Isomo rya mbere, ni indimi zisa n'iz'umuriro zigabanyije zijya kuri buri muntu muri bo, ni ikimenyetso cya Roho Mutagatifu wari uje kubakangura maze bagashira ubwoba dore ko yabasanze basa nk'abigunze nk'abari mu buhungiro. Roho Mutagatifu udukoreramo aduha gushira ubwoba agatuma dutinyuka kwamamaza Yezu wazutse ntabwoba ntakwikanga. Roho Mutagatifu yagiraga ngo basohoke bagende ku isi yose bageze ku bantu bose ibitangaza bya Nyagasani.

Muri iki gihe, Kiliziya ntigomba kuba mu bwigunge ahubwo igomba gusohoka ikagera ku bantu bose. Buri muntu ni inshuti y'Imana kuko aremwe mu ishusho yayo ; niyo mpamvu Roho Mutagatifu twahawe ashaka ko abantu bose babona agakiza, ni nacyo cyatumye Yezu yitanga akadupfira ku musaraba.

Ku munsi wa Pentekositi, abantu bose b'i Yeruzalemu bumvise urwo rusaku barakoranye maze barumirwa kuko buri wese yabumvaga bavuga mu rurimi rwe bwite ; Roho Mutagatifu aduhishurira ko Inkuru Nziza igenewe abantu bose baba abana n'abakuru, abakire n'abakene, abize n'abatarize,…

Pawulo Mutagatifu arabwira Abanyaroma ko batagengwa n'umubiri kubera ko Roho w'Imana atuye muri bo, uyu munsi nitwe tubwirwa, Roho Mutagatifu ukorera muri twe aduhindura umunsi ku wundi adukura mu migirire yacu idahwitse akadusobanurira ikiri cyiza, kuko ahora atwibutsa ibyo Yezu yavuze byose kuko nk'uko Ivanjili ibitubwira Yezu aradusaba kubaha amategeko ye kugira ngo tugaragaze ko tumukunda.

Uyu munsi mukuru wa Pentekositi uradusaba guha umwanya Roho Mutagatifu mu buzima bwacu tukamwifungurira kugira ngo tumubere ibikoresho adukure mu bwigunge nkuko yabikoreye Intumwa za Yezu. Dusabe Roho Mutagatifu wamanukiye mu Ntumwa ngo natwe atumanukireho, buri umwe umwe muri twe amugire umugabuzi w'amahoro.

Roho Mutagatifu aza mu mitima y'Intumwa : Dusabe inema yo gukomera mu kwemera.

Padiri Emmanuel BAMPORINEZA